

# Inzira Itugeza ku Mana





©1994 ya Rose Stair Goodman. Ishusho yo ku gipfuko yakozwe na Edwin B. Wallace. Meryl Esenwein yakoze amashusho yo kuri iyi page no kuri iza 10, 12, 14, 16, 27, 29, 39, 41, 42, 44, 46, 47, na 48.

# **IMANA YAREMYE IYI SI YACU N'IBINTU BIZIMA BYOSE**

1

**“Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n’isi.”**

—Itangiriro 1:1

**“Kuko muri we [Kristo] ari mo byose byaremewe, ari  
ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi....”**

—Abakolosayi 1:16

**“Muhawe umugisha n’Uwiteka, waremye ijuru n’isi.  
Ijuru ni iry’ Uwiteka, ariko isi yayihaye abantu.”**

—Zaburi 115:15, 16

Isi yari itunganye igihe Imana yayiheraga abantu.  
Komeza usome muri aka gatabo ngo umenye ibyabaye  
nyuma y’aho.

## IMANA YARATUREMYE



**“Imana iravuga iti ‘Tureme umuntu, agire ishusho  
yacu, ase natwe; batware...isi yose.’” —Itangiriro 1:26**

## UMUNTU AHINDUKA UBUGINGO BUZIMA 3

“Uwiteka Imana irema umuntu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera mu mazuru umwuka w’ubugingo; umuntu ahinduka ubugingo buzima\*.” —Itangiriro 2:7

“Kandi Uwiteka Imana iravuga iti ‘Si byiza ko uyu muntu aba wenyine; reka mmuremera umufasha....’ Uwiteka Imana isinziriza uwo muntu ubuticura, arasinzira; imukuramo urubavu rumwe, ihasubiza inyama; urwo rubavu Uwiteka Imana yakuye muri uwo muntu, iruhindura umugore, imushyira uwo muntu.”

—Itangiriro 2:18, 21, 22

\*Ubugingo buzima ni ukuvuga ko tuzabaho iteka ryose.

## 4 ADAMU NA EVA NTIBUMVIYE IMANA



Nta bwo dukwiriye kumvira ijwi rya Satani.

**“Uwiteka Imana ijyana wa muntu, imushyira muri 5  
iyo ngobyi yo mu Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde.  
Uwiteka Imana imutegeka iti ‘Ku giti cyose cyo muri  
iyo ngobyi ujye urye imbuto zacyo, uko ushaka; ariko  
igiti cy’ubwenge bumenyesha icyiza n’ikibi ntuzaki-  
ryeho; kuko umunsi wakiriyeho, no gupfa uzapfa.’”**

—Itangiriro 2:15-17

INZOKA, YITWA N’UMWANZI CYANGWA SATANI,  
ISHIDIKANYA UBUTEGETSI BW’IMANA, KANDI IBESHYA.

**“Iyo nzoka ibwira umugore iti ‘Gupfa ntimuzapfa.’  
... Uwo mugore abonye yuko icyo giti gifite ibyokurya  
byiza, kandi ko ari icy’ igikundiro, kandi ko ari icyo  
kwifurizwa kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku  
mbuto zacyo, arazirya, ahaho n’umugabo  
we... arazirya.”**

—Itangiriro 3:4, 6

## ADAMU NA EVA BABUJIJWE KUGUMA MU EDENI



**“Uwiteka Imana imwirukana muri ya ngobyi mu Edeni,  
kugira ngo ahinge ubutaka yavuyemo... ishyiraho  
abamarayika n’inkota yaka umuriro... ngo ibuze inzira  
ijya kuri cya giti cy’ubugingo.”** —Itangiriro 3:23, 24

# IGIHE ADAMU NA EVA BACUMURAGA 7

## CYABEREYE ABANTU BOSE UMUNSI W'UMUBABARO



“...Nk’uko ibyaha byazanywe mu isi n’umuntu umwe, urupfu rukazanwa n’ibyaha, ni ko urupfu rugera ku bantu bose....”

—Abaroma 5:12

**Ikintu tugomba kwibuka**

Buri muntu avukana kamere y’icyaha kandi **azapfa kuko** urupfu rwazanywe n’icyaha. (Ongera usome Abaroma 5:12.)

## IMIGAMBI Y'IMANA YO KUDUKIZA IBYAHYA YARI UGUTUMA UMWANA WAYO W'IKINEGE



**“Azabyara umuhungu,  
uzamwite YESU, kuko ari we  
uzakiza abantu be ibyaha  
byabo.”**

—Matayo 1:21

Kugira ngo abe umuntu, Umwana w'lmana  
yari akwiriye kuvuka nk'uruuhinja rw'umuntu.

**“Muri we [Kristo Yesu] ni ho hari kūzura k'Ubumana  
kose mu buryo bw'umubiri.”**

—Abakolosayi 2:9

## **YESU NI IMANA— AGIRA ISHUSHO Y'UMUNTU**

9

**“Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n’Imana, kandi Jambo yari Imana.... Jambo uwo yabaye umuntu, abana natwe....” —Yohana 1:1, 14**

**“Nuko ibyo byose byabereyeho kugira ngo ibyo Umwami Imana yavuze... bisohore ngo ‘Dore umwari azasama inda, kandi azabyara umuhungu, azitwa Ima-nuweli’ risobanurwa ngo, Imana iri kumwe natwe.”**

**—Matayo 1:22, 23**

**“Nuko umwana yatuvukiye, duhawe umwana w’umu-hungu, ubutware buzaba ku bitugu bye; azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w’amahoro.” —Yesaya 9:6**

**IGITAMBO GITUNGANYE CYADUTAMBIWE**

*“...Utigeze kumenya icyaha....” —2 Abakorinto 5:21*



**“Nta cyaha yakoze....”**

—1 Petero 2:22

Nta gitambo umuntu yashobora  
gutamba cyari GITUNGANYE ngo  
gishobore gukuraho ibyaha.

**“Erega ntibishoboka ko amaraso  
y’ampafizi n’ay’ ihene akuraho ibya-  
ha.” —Abaheburayo 10:4**

Yesu ni we Mwana w’intama w’lmana. **“Nguyu Umwana w’inta-  
ma w’lmana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi.” —Yohana 1:29b**

## **YESU YATANZE UBUGINGO BWE KUGIRA NGO ADUKIZE**

11

Yesu yabambiwe ku musaraba w'igitu kuko abantu b'abanya-mwaga bamwangaga. Arikó urupfu rwe rwari mu migambi y'lmana. Yesu yatanze ubugingo bwe ku bushake bwe bwite, kugira ngo adukize, wowe nanjye, ibyaha byacu.

Yesu yaravuze ati, "**Nta ubunyaka [ubugingo bwanjye], ahu-bwo mbutanga ku bushake bwanjye. Nshobora kubutanga kandi nshobora kubusubirana.**" —Yohana 10:18

**TURACUNGURWA N'AMARASO Y'UMWANA W'INTAMA W'IMANA**

**"...Ibyo mwacungujwe... ntibyari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara, ni yo ya Kristo."** —1 Petero 1:18, 19

Nta bindi bitambo bishobora gukuraho ibyaha.

**12** “... Ubwo twagizwe intungane [dutsindishirizwa] imbere  
y'Imana n'amaraso ye, tuzarushaho gukizwa uburakari bwayo  
tubikesha Kristo.”

—Abaroma 5:9


“Mwami, uzanyibuke, ubwo  
uzazira mu  
bwami  
bwawe.”

Uyu  
mugome  
yizeye Yesu  
agakizwa.



“... Ndakubwira  
ukuri ko uyu  
munsi turibu-  
bane muri  
Paradiso.”

—Luka 23:43



Uyu  
mugome  
yanze  
kwizera  
Yesu,  
bituma  
adakizwa.

**“... Kristo yadupfiriye, tukiri abanyabyaha [tutumviye Imana].”**

—Abaroma 5:8

## **ABIZERA UMWANA W'IMANA BOSE 13 BAFITE UBUGINGO**

**“Kuko Imana yakunze abari  
mu isi cyane, byatumye itanga  
Umwana wayo w’ikinege, kugira ngo  
umwizera wese atarimbuka, ahubwo  
ahabwe ubugingo buhoraho.”**

—Yohana 3:16

**“Ni we wadukijije ubutware bw’umwijima, akadukuramo,  
akatujyana mu bwami bw’Umwana we akunda. Ni we  
waducunguje amaraso ye, ngo tubone kubabarirwa  
ibyaha byacu.”**

—Abakolosayi 1:13, 14

# “YARAZUTSE!”



**“Marayika abwira  
abagore ati ‘Mwebweho,  
mwitinya; kuko nzi yuko  
mushaka Yesu wabambwe.  
Ntari hano; kuko yazutse  
nk’uko yavuze. Nimuze,  
murebe aho Umwami yari  
aryamye.””**

—Matayo 28:5, 6

## **YESU YAZUTSE AVUYE MU BAPFUYE 15**

**“Ndi Uhoraho. Icyakora nari narapfuye, ariko none dore  
mporaho iteka ryose, kandi mfite imfunguzo z’urupfu  
n’iz’ikuzimu.”** —Ibyahishuwe 1:18

**“...Kuko ndiho, namwe muzabaho.”** —Yohana 14:19

Kuko Kristo yanesheje urupfu akaba afite imfunguzo z’urupfu,  
ntitukigomba gutinya urupfu.

**“Uko ntinya kose, nzakwiringira.”** —Zaburi 56:3  
(Reba urupapuro rwa 46 ngo ubone andi masezerano y’Imana.)

## **YESU ABASHA KUGUKIZA, KANDI AKABA ARAGUSENGERA**

**“Naho Uwo, kuko ahoraho iteka ryose... abasha gukiza  
rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ngo  
abasabire.”** —Abaheburayo 7:24, 25

# 16 WOYE NANJYE DUSHOBORA GUHABWA UBUGINGO BUHORAH



Mbese WOYE ukurikira  
iyihe nzira?

Yesu Kristo ni we NZIRA  
igera ku BUGINGO buhoraho  
no kubana n'lmana.

Satani ni we nzira igera ku  
RUPFU ruhoraho.

Uyu muhungu ahisemo neza inzira igera ku bugingo buhoraho.

**“...Uyu munsi nimwitoranirize uwo muzakorera.”**

—Yosuwa 24:15

**“...Nuko uhitemo ubugingo, ubone kubaho, wowe  
n’urubyaro rwawe....”** —Gutegeka kwa Kabiri 30:19

## YESU NI WE NZIRA IGERA KU BUGINGO BUHORAHO

**“Nta undi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi  
zina munsi y’ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukiri-  
zwamo.”** —Ibyakozwe 4:12

**“Jyewe, jye ubwanjye, ni jyewe Uwiteka; kandi nta  
undi mukiza utari jyewe.”** —Yesaya 43:11

## 18 NI KUKI DUKWIRIYE GUHITAMO YESU NIDUSHAKA UBUGINGO BUHORAH?

1. Yesu Kristo ni we waje.

“...Jyeweheo nazanywe no kugira ngo zibone

ubugingo....” —Yohana 10:10



2. Ni Yesu Kristo wadukunze  
akadupfira.

“...Umwana w'lmana wankunze,  
akanyitangira.” —Abagalatiya 2:20

Yesu yabaye umuntu, agira amaraso  
n'umubiri nkatwe, “kugira ngo urupfu  
rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware

**bw'urupfu, ni we Satani, abone uko abtra abahoze 19  
mu bubata bwo gutinya urupfu mu kubaho kwabo  
kose.”** —Abaheburayo 2:14, 15

**3. Amaraso ya Yesu ni yo yonyine umuti udukiza  
ibyaha.**

**“...Amaraso ni yo mpongano y’ubugingo  
bwanyu....”** —Abalewi 17:11

**“...Amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho  
ibyaha byose.”** —1 Yohana 1:7

**“Ni we waducunguje amaraso ye, ngo tubone  
kubabarirwa ibyaha byacu.”** —Abakolosayi 1:14



**4. Kristo ni we wazutse mu bapfuye.**

**“...Tuzi ko Kristo amaze  
kuzuka atagipfa, urupfu  
rukaba rutakimufiteho  
urutabi [ububasha].”**

—Abaroma 6:9

**“Yapfiriye bose kugira ngo abariho bē gukomeza  
kubaho kubwabo, ahubwo babeho kubwa uwo  
wabapfiriye, akanabazukira.”** —2 Abakorinto 5:15

Yesu yaravuze ati “...Kuko ndiho, namwe muzabaho.”

—Yohana 14:19

*5. Dukwiriye kuba dufite Mwuka wa Kristo muri 21  
twe kugira ngo tuzazurirwe ubugingo buhoraho.*

**“Kristo uri muri mwe, ni byo byiringiro by’ubwiza.”**

—Abakolosayi 1:27c

**“Ariko niba Umwuka w’Iyazuye Yesu aba muri mwe,  
Iyazuye Kristo Yesu izazura n’imibiri yanyu ipfa kubwa  
Umwuka wayo uba muri mwe.”**

—Abaroma 8:11

### **NIMUMENYE NEZA KO MWUKA WA KRISTO ABA MURI MWE**

**“...Umuntu wese utagira Umwuka wa Kristo, ntaba  
ari uwe.”**

—Abaroma 8:9



**“Arabakikira,  
abah’ umugisha,  
abarambitsehw  
ibiganza”**

—Mariko 10:16

“Yes’ arankunda . . . kuko yampfiriye.”

“Yesu arabahamagara ati ‘Mureke abana bato  
bansange, ntimubabuze, kuko abameze batyo  
ubwami bw’Imana ari ubwabo.’” —Luka 18:16

**“Nuko So uri mu ijuru ntashaka ko hagira n’umwe muri aba bato urimbuka [kuzimira iteka ryose].”**  
—Matayo 18:14

Nta cyo bitwaye uwo uri we, cyangwa aho utuye aho  
ari ho, Yesu aragukunda, kandi yaragupfiriye. Yesu  
ashaka ko umukunda kandi. Ushobora kwerekana ko  
umukunda mu kumwumvira.

**“Nimunkunda, muzitondera amategeko yanje.”**  
—Yohana 14:15

**“Umuntu, naho ari umwana ame nyekanira ku byo akora....”** —Imigani 20:11

## 24 UKO USHOBORA KUBONA INZIRA IKUGEZA KU MANA

*1. Emera ko uri umunyabyaha (ko utumviye Imana).*  
“Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza  
bw’Imana.” —Abaroma 3:23

*2. Egera Imana uciye muri Yesu Kristo.*  
“Kuko hariho Imana imwe, kandi hariho Umuhuza  
umwe w’Imana n’abantu, na we ni umuntu, ni we  
Yesu Kristo.” —1 Timoteyo 2:5

“Ni cyo gituma [Yesu] abasha gukiza rwose  
abegerezwa Imana na we....” —Abaheburayo 7:25

Yesu yaravuze ati, “... Uza aho ndi sinzamwirukana  
na hato.” —Yohana 6:37

### **3. Niwihane ibyaha byawe.**

(Kwihana kuvuga ko ubabazwa n'ibyaha byawe, bituma wemera kubireka.)

**“Nuko mwihane, muhindukire,  
ibyaha byanyu bihanagurwe....”**

—Ibyakozwe 3:19

**“Umwami Imana... itwihanga-nira, idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana.”**

—2 Petero 3:9

### **4. Aturira Yesu ibyaha byawe.**

(Kwatura ni ukubivuga, kubyemera.)



**26** Kuri iyi mirongo andika amagambo yo muri 1 Yohana 1:9.  
Urayabona mu ishusho y'ibiganza iri ku rupapuro rwa 25.

---

---

---


---

**5. Reka ibyaha byawe.**

(Ni ukuvuga kutabisubiramo.)

**“Uhisha ibicumuro bye ntazagubwa neza; ariko  
ubyatura akabireka, azababarirwa.” —Imigani 28:13**

**“Va mu byaha, ujye ukore ibyiza....” —Zaburi 37:27**



**6. Izera Umwami Yesu 27  
Kristo.**

**“Ni watuza akanwa kawe  
ko Yesu ari Umwami, ukizera  
mu mutima wawe ko Imana  
yamuzuye, uzakizwa.”**

—Abaroma 10:9

**“Mwakijije n’ubantu  
kubwo kwizeru;... ni impano  
y’Imana; ntibyavuye no ku  
mirimo, kugira ngo hatagira  
umuntu wirarira.”**

—Abefeso 2:8, 9

**“... Izera Umwami Yesu  
urakira ubwawe n’abo mu  
rugo rwawe.”**

—Ibyakozwe 16:31

**28 7. Akira Umwami Yesu Kristo mu mutima  
wawe no mu mibereho yawe.**



Ni wowe wenyine ushabora gukingura urugi rw'umutima wawe no kwinjiza Yesu. Yesu yaravuze ati, **“Dore, mpagaze ku rugi, ndakomanga. Umuntu ni yumva ijwi ryanje, agakingura urugi, nzinjira iwe, dusangire.”**

—Ibyahishuwe 3:20

**“Icyakora, abamwemeye bose, bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana.”**

—Yohana 1:12

## KUKUYOBORA MU GUSENGA

29

Niba uba utigeze gusenga, kandi wumva ko ushaka  
ugufasha mu gusenga, ushobora gukurikira isengesho  
ryanditswe hano hepfo:



Mwami Yesu Kristo nkunda,  
Ndagushimiye ko wampfiriye ku  
musaraba kugira ngo unkuremo  
ibyaha byanje. Ndababajwe n'ibibi  
nakoze byose. Ndagusabye kuza  
winjira mu mutima wanje ukambamo  
iteka ryose. Ndakwizeye ubu ngubu  
ngo unyoze umutima. Ndakwakiriye  
ngo ube Umukiza wanje n'Umwami  
wanje.  
Ndabsabye mu izina rya Yesu. Amina.

## **30 IGIHE UFITE YESU MU MUTIMA, UBA UFITE UBUGINGO BUHORAHO**

**“...Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo  
bugingo bubonerwa mu Mwana wayo. Ufite uwo Mwana ni  
we ufite ubwo buggingo....”** —1 Yohana 5:11, 12

**“...Uwumva ijambo ryanje, akizera uwantumye...aba  
avuye mu rupfu, ageze mu buggingo.”** —Yohana 5:24

Igihe umubiri wawe upfira, wowe uba uri kumwe n’Umwami (2 Abakorinto 5:8). **“...Kristo uri muri mwe, ni byo byiringiro  
by’ubwiza”** (Abakolosayi 1:27).

Niba wamaze gusaba Yesu kukubabarira ibyaha byawe, kandi ukaba wizera Umwami Yesu Kristo ngo abe Umukiza wawe, andika izina ryawe hano kuri uyu murongo:

---

# **UBURYO BWO GUKOMEZA GUKURIKIRA YESU**

**31**



Soma imirongo yo muri Bibliya (ni yo Jambo ry'lmana) buri munsi, kandi uyihishe mu mutima wawe mu gufata mu bwengę imirongo igufasha. (Urabona imirongo myiza myinshi muri aka gatabo.)

**“Ibyanditswe byera byose  
byahumetswe n’lmana, kandi  
bigira umumaro wo kwigisha  
umuntu [ibyo kwizera] no ku-  
mwemeza ibyaha bye, no kumu-  
tunganya, no kumuhanira guki-  
ranuka.”**

—2 Timoteyo 3:16

## VUGANA NA YESU MU GUSENGA IGIHE ICYO ARI CYO CYOSE

*Shimira Yesu* ibyiza byose biboneka mu mibereho yawe.

*Umushimire* ibyo yagukoreye n'uko yakijije umutima wawe. **Sabira icyo ukeneeye cyose.** Senga mu izina rya Yesu.

“... Tuzi ko itwumva igihe tuyisabye ikintu gihuje n'uko ishaka.”

—1 Yohana 5:14

“... Icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanje azakibaha.” —Yohana 16:23

“... Musabirane....” —Yakobo 5:16

“... Musabire ababarenganya.”

—Matayo 5:44



## **ISENGESHO YESU YIGISHIJE ABIGISHWA BE**

(Umwigishwa wa Yesu ni umukurikira.)

33

Yesu yabwiye abigishwa be gusenga batya:

**“Data wa twese uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe,  
ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi,  
nk’uko biba mu ijuru; uduhe none ibyo kurya  
byacu by’uyu munsi; uduharire imyenda yacu,  
nk’uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu;  
ntuduhne mu bitwoshyo, ahubwo udukize Umubi;  
kuko ubwami n’ubushoboz i’icyubahiro ari  
ibyawe, none n’iteka ryose. Amen.” —Matayo 6:9-13**

Ni ngombwa gufata iryo sengesho mu bwenge. Abakristo  
bakunda gusengera hamwe iryo sengesho mu majwi yumvikana.

## **34 AMATEGEKO CUMI Y'IMANA ATWIGISHA UKO DUKWIRIYE KUMERA MU MIBEREHO YACU**

(Kuva 20)

*Amategeko Ane Abanza Avuga Iby'Uko Dukunda Imana*

1. “Ntukagire izindi mana mu maso yanje.”
2. “Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n’ishusho yose... ;ntukabyikubite imbere, ntukabikorere.”
3. “Ntukavugire ubusa izina ry’Uwiteka, Imana yawe.”
4. “Wibuke kweza umunsi w’isabato.”

*Andi Atandatu Asigaye Avuga Uko Dukunda Abantu*

5. "Wubahe so na nyoko."
6. "Ntukice."
7. "Ntugasambane." (Gusambana ni ukuryamana n'uwo mutashyingiranwe.)
8. "Ntukibe."
9. "Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe."
10. "Ntukifuze... ikintu cyose cya mugenzi wawe."

IYO TWUMVIRA IMANA BITUMA  
DUHABWA IBYO DUSABYE

"Icyo dusaba cyose tugihabwa na yo, kuko twitondera amategeko yayo, tugakora ibishimwa imbere yayo."

—1 Yohana 3:22

## 36 AMATEGEKO ABIRI ARUTA ANDI YOSE

### *Gukunda Imana*

1. “Yesu aramusubiza ati ‘Ukundishe Uwiteka, Imana yawe, umutima wawe wose, n’ubugingo bwawe bwose, n’ubwenge bwawe bwose. Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry’imbere.’”

—Matayo 22:37, 38

### *Gukunda Abantu*

2. “N’irya kabiri rihwanye na ryo ngiri: ‘Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda.’” —Matayo 22:39

Amategeko yose uko ari icumi (yo ku mpapuro za 34 na 35) arafubitse muri ayo abiri aruta andi yose.



# URUKUNDO RURUTA IBINDI BINTU BYOSE

37

Igice gikuru kivuga iby'Urukundo

(1 Abakorinto 13:1-8, 13)

**<sup>1</sup>Nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika, ariko singire urukundo, mba mpindutse nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga.** **<sup>2</sup>Kandi nubwo nagira impano yo guhanura, nkamenya ibihishwe byose n'ubwenge bwose;** kandi nubwo nagira kwizera kose, nkabasha gukuraho imisozi, ariko singire urukundo, nta cyo mba ndi cyo.

**<sup>3</sup>Kandi nubwo natanga ibyanje byose, ngo ngaburire abakene,** ndetse nkitanga ubwanje ngo ntwikwe, ariko singire urukundo, nta cyo byamarira.

**<sup>4</sup>Urukundo rurihangana, rukagira neza;** urukundo ntirugira ishyari; urukundo ntirwirarira,

**38** ntirwihimbaza; <sup>5</sup>ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka  
ibyarwo, ntiruhutiraho; ntirutekereza ikibi ku bantu;  
<sup>6</sup>ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi, ahubwo rwishimira  
ukuri; <sup>7</sup>rubabarira byose, rwizera byose; rwiringira byose;  
rwihanganira byose. <sup>8</sup>Urukundo nta bwo ruzashira. Guha-  
nura kuzarangizwa, no kuvuga izindi ndimi kuzagira iherezo;  
ubwenge na bwo buzakurwaho.

<sup>13</sup>Ariko none hagumyeho kwizera n'ibyiringiro n'urukundo,  
ibyo uko ari bitatu; ariko ikiruta ibindi ni urukundo.

## IMANA NI URUKUNDO

“...Imana ni urukundo, kandi uguma mu rukundo,  
aguma mu Mana, Imana ikaguma muri we.” —1 Yohana 4:16

# YESU ASHAKA KO UTANGA UBUHAMYA

39



(uri imuhira, ku ishuri,  
mu materaniro, hose)

Yesu yaravuze ati, “**Wita-hire, ujye mu banyu, uba-bwire ibyo Imana igukoreye byose, n'uko ikubabariye.**”

—Mariko 5:19

## UKO UMWANA W'IMANA BWITE AMENYEKANA

**“Nuko muzabamenyera ku mbuto zabo.”** —Matayo 7:20

**“Ariko rero imbuto z’Umwuka ni urukundo, n’ibyishimo,  
n’amahoro, no kwihangana, no kugira neza, n’ingeso nziza, no  
gukiranuka, no kugwa neza, no kwirinda....”**

—Abagalatiya 5:22, 23

### **UMWANA W'IMANA BWITE ABABARIRA ABANDI**

**“Ni mubabarira abantu ibyaha byabo, na So wo mu ijuru  
azababarira namwe.”** —Matayo 6:14

### **IBINTU BIRINDWI IMANA YANGA**

**“Amaso y’ubwibone, ururimi rubeshya, amaboko avusha  
amaraso y’utariho urubanza, umutima ugambirira ibibi, ama-  
guru yihutira kugira urugomo, umugabo w’indarikwa uvuga  
ibinyoma, n’uteranya abavandimwe.”** —Imigani 6:17-19

## IMIRIMO YA KAMERE:

... Gusambana, no gukora ibiteye isoni, n'iby'isoni nke, no gusenga ibishushanyo, no kuroga, no kwangana, no gutongana, n'ishyari, n'umujinya, n'amahane, no kwitandukanya, no kwirema ibice, no kugomanwa, no gusinda, n'ibiganiro bibi, n'ibindi bisa bityo... abakora ibisa bityo ntibazara-gwa ubwami bw'lmana.

—Abagalatiya 5:19-21


... Cyangwa ibitinga cyangwa abagabo bendana, cyangwa abajura, cyangwa abifuza.... —1 Abakorinto 6:9-10



**EMERA KO YESU AKUZUZA MWUKA WE WERA AKAGUTUNGANYA**  
**Kandi bamwe muri mwe mwari nk'abo; ariko mwaruhagiwe, mwarejejwe,... n'Umwuka w'lmana yacu mu izina ry'Umwami Yesu Kristo.**

—1 Abakorinto 6:11

## UMURIRO UTAZIMA NI AHANTU HARIHO BY'UKURI



(Soma Luka 16:19-26.)

Numenye neza ko  
wizeye Yesu Kristo by'ukuri.  
Azandika izina ryawe mu  
Gitabo cye cy'Ubugingo.

**“Kandi umuntu wese  
utabonetse ko yanditswe  
muri cya gitabo cy'ubug-  
ingo, ajugunywa muri iyo  
nyanja yaka umuriro.”**

—Ibyahishuwe 20:15

## **YESU NI WE NZIRA IMWE YONYINE ITUGEZA KU MANA**

43

**“...Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo  
bugingo bubonera mu Mwana wayo.” —1 Yohana 5:11**

**“Kuko ibihembo by’ibyaha ari urupfu, ariko impano  
y’Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami  
wacu.” —Abaroma 6:23**

**“Uwizera uwo Mwana, aba abonye ubugingo buhoraho,  
ariko utumvira uwo Mwana ntazabona ubugingo, ahubwo  
umujinya w’Imana uguma kuri we.” —Yohana 3:36**

**“Yesu aramubwira ati ‘Ni jye nzira, n’ukuri n’ubugingo;  
nta wujya kwa Data, ntamuwyanye.’” —Yohana 14:6**

## 44 MW IJURU NI AHANTU HARIHO BY'UKURI



Mu byo Yohana yeretswe byanditswe mu Byahishuwe 21 yabonye ijuru rishya n'isi nshya.

**"Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi, kuko ibya mbere bishize. Iyicara kuri ya ntebe iravuga iti 'Dore, byose ndabihi-ndura bishya.'..."** —Ibyahishuwe 21:4, 5

Yohana yabonye umurwa wera, umanuka uva mu ijuru  
**"...Ururembo ubwarwo rwubakishijwe izahabu nziza, imeze nk'ibirahuri byiza. Imfatiro z'inkike z'urwo rurembo zarimbishi-shijwe amabuye y'igiciro cyinshi y'amoko yose...."**

—Ibyahishuwe 21:18, 19

## **YESU YARAGIYE GUTEGURIRA ABAMWIZERA BOSE AHABO**

**45**

**“Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizera Imana, nanje  
munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi:  
iyaba atahari, mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira  
ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzaga-  
ruka mbajyane iwanje, ngo aho ndi, namwe muzabe-  
yo.”**

—Yohana 14:1-3

### **UMENYESHE ABANDI IZO NKURU NZIZA**

Yesu yaravuze ati, “Mujye mu bihugu byose, mwigishe  
abaremwe bose ubutumwa bwiza.”

—Mariko 16:15

“Umunyabwenge agarura imitima.”

—Imigani 11:30

## AMASEZERANO IMANA ISEZERANIRA ABANA BAYO

**“... Sinzagusiga na hato, kandi nta bwo nzaguhana na hato.”**

—Abaheburayo 13:5

**“Azagutegekera abamarayika be, ngo bakurindire mu nzira zawe zose.”**

—Zaburi 91:11

**“... Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y’isi.”**

—Matayo 28:20

**“Ntutinye ibyo ugiye kuzababazwa ... ujye ukiranuka, uzageze ku gupfa; nanjye nzaguha ikamba ry’ubugingo.”**

—Ibyahishuwe 2:10

**“Ntabaza, ndagutabara....”**

—Yeremiya 33:3



*Abantu bose* bazazurwa bave mu bapfuye.

“... Igihe kizaza, ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi rye, bakavamo, abakoze ibyiza bakazukira ubugingo, naho abakoze ibibi bakazukira gucirwaho iteka.”

—Yohana 5:28, 29

*Abapfiriye muri Kristo* bazabanza kuzuka.



“Maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo tuzamuwe mu bicu, gusanganirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n’Umwami iteka ryose.”

—1 Abatesalonike 4:17

“Mujye mwirinda, mube maso, musenge; kuko mutazi igihe ibyo bizasohreramo.”

—Mariko 13:33

## YESU AZAZA ATE?



**“Dore arazana n’ibicu, kandi amaso yose azamureba....”** —Ibyahishuwe 1:7

Mwirinde abiyita Kristo batari we n’abahanuzi b’ibinyoma.

**“...Umuntu nababwira ati ‘Dore, Kristo ari hano’; n’undi ati ‘Ari hano’ ntimuzabyemere.... Nibababwira bati ‘Dore, ari mu butayu’ ntimuzajyeyo; cyangwa bati ‘Dore, ari mu kirambi’ ntimuzabyemere.”**

—Matayo 24:23, 26

## YESU AZAZA ATUNGUTSE ARI MU BICU BYO MU IJURU

**“Kuko, nk’uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera aho rirengera, ni ko no kuza k’Umwana w’umuntu kuzaba ... n’amoko yose yo mu isi... azabona Umwana w’umuntu aje ku bicu byo mu ijuru afite ubushobozì n’ubwiza bwinshi.”** —Matayo 24:27, 30

## **ZABURI Y'UMWUNGERI**

**(Zaburi 23)**

- 1**Uwiteka ni we mwungeri wanjye, sinzakena.
- 2**Andyamisha mu cyanya cy'ubwatsi bubisi: anjyana iruhande rw'amazi adasuma. **3**Asubiza intege mu bugingo bwanjye, anyobora inzira yo gukiranuka kubwa izina rye.
- 4**Naho nanyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu, sinzatinya ikibi cyose, kuko ndi kumwe nawe. **Inshyimbo yawe n'inkoni yawe ni byo bimpumuriza.**
- 5**Untunganiriza ameza mu maso y'abanzi banjye: unsize amavuta mu mutwe; igikombe cyanje kirasesekara.
- 6**Ni ukuri kugirirwa neza n'imbabazi bizanyomaho iminsi yose nkiriho: nanjye nzaba mu nzu y'Uwiteka iteka ryose.

Imirongo yo muri Bibliya yavuye muri *Bibliya Yera ya 1957*, © Alliance Biblique Universelle.

---

If you are interested in receiving additional Scripture booklets, write to the publisher.

**World Missionary Press, Inc.  
P.O. Box 120  
New Paris, IN 46553-0120 USA**

Aka gatabo gatangwa ku busa — ntikagurishwe